# Icyegeranyo cy'amakuru y'imikino yaranze icyumweru

**2023** Taliki 23-26  Gashyantare




**P1. Cycling :** Mulubrhan Henok yegukanye Tour du Rwanda 2023

## Ijambo ry'ibanze

Komite Olempike y'u Rwanda yashyizeho iki cyegeranyo mu rwego rwo kurushaho kumenyekanisha ibikorwa byayo n'iby'abanyamuryango bayo (Amashyirahamwe y'Imikino mu Rwanda) hagamijwe gukomeza guteza imbere siporo no kuyikundisha Abanyarwanda muri rusange by'umwihariko abakiri bato.

Iki cyegeranyo gikubiyemo amakuru n'ibikorwa bya siporo byaranze icyumweru, kikazajya gisohoka rimwe mu cyumweru.

Ntigisimbura kandi izindi nzira Komite Olempike y'u Rwanda isanzwe ikoresha mu kugeza amakuru ku banyamuryango bayo n'abanyarwanda muri rusange.

# Ibirimo


P1 **Cycling :** Mulubrhan Henok yegukanye Tour du Rwanda 2023

P2 **ANOCA Zone 5 :** Perezida wa RNOSC, Umulinga yitabiriye inama y'Inteko Rusange

P3 **Cycling:** Perezida Kagame yakiriye Sylvan Adams nyiri ikipe ya Israel PT

P3 **Handball:** Uko imikino y'umunsi wa mbere wa shampiyona yagenze

P4 **Football:** Uko imikino y'umunsi wa 21 yagenze

P4 **Rugby:** Burera Tigers na UR Grizzlies zatangiye neza shampiyona y'icyiciro cya kabiri

P5 **Basketball:** Uko imikino ya shampiyona yagenze

P6 **Beach Volleyball:** Uko irushanwa "Bugesera Circuit 2023" ryagenze

# **Cycling :** Mulubrhan Henok yegukanye Tour du Rwanda 2023

Taliki 19 kugeza 26 Gashyantare 2023 mu Rwanda habereye isiganwa mpuzamahanga mu mukino w'amagare "Tour du Rwanda 2023" ryari rikinwe ku nshuro ya 15. Iri rushanwa ryegukanwe na Mulubrhan Henok ukomoka muri Eritrea akaba akinira ikipe ya Green Project–Bardiani–CSF–Faizanè yo mu Butaliyani.

Perezida w'u Rwanda, Nyakubahwa Paul Kagame wakurikiranye isozwa ry'iri siganwa ni we washyikirije igihembo Mulubrhan Henok. Perezida Kagame akaba ari inshuro ya kabiri yari akurikiranye isozwa rya Tour du Rwanda kuko no muri 2022 yatangije isiganwa ubwo hakinwaga intera ya nyuma.

Mulubrhan Henok yegukanye intera ya nyuma ya 8 ari nayo ya nyuma ya Tour du Rwanda 2023 yahagurukiye kuri Canal Olympia aba ari naho isorezwa abasiganwa bakoze intera ya kilometero 75, 3. Mulubrhan yegukanye iyi ntera akoresheje amasaha 2, n'iminota 4 n'amasegonda 52.

Nyuma yo kwegukana iyi ntera ya 8, Mulubrhan yasoje isiganwa ari ku mwanya wa mbere aho muri kilometero 1129,9 yakoresheje amasaha 28, n'iminota 58 n'isegonda rimwe. Ku mwanya wa kabiri haje Calzoni Walter na we wakoresheje amasaha 28, n'iminota 58 n'isegonda 1 naho ku mwanya wa 3 haza Lecerf William Junior wakoresheje amasaha 28, n'iminota 58 n'amasegonda 2.

Umukinnyi w'Umunyarwanda wasoreje hafi ni Muhoza Eric ukinira ikipe ya Bike Aid wasoreje ku mwanya wa 14. Abakinnyi b'u Rwanda, Mugisha Moise na Manizabayo Eric nta bwo basoje isiganwa.

Umunyabigwi muri uyu mukino, Chris Froome ukinira ikipe ya Israel Premier Tech yasoreje ku mwanya wa 24 ku rutonde rusange.

Tour du Rwanda 2023 yitabiriwe n'abakinnyi 93 baturutse mu makipe 19 ariko abakinnyi 55 ni bo basoje isiganwa.

## Uko isiganwa ryagenze

### Urutonde rusange (1129,9 km)

**1.** Mulubrhan Henok 28h58'01"
**2.** Calzoni Walter 28h58'01"
**3.** Lecerf William Junior 28h58'02"
**4.** De La Parte Victor 28h58'05"
**5.** Main Kent 28h58'34"
**6.** Blackmore Peter Joseph 28h58'40"
**7.** Yemane Dawit 28h59'00"
**8.** Tolio Alex 28h59'10"
**9.** Kusztor Péter 29h00'28"
**10.** Bizkarra Etxegibel Mikel 29h01'52"

### Imyanya Abanyarwanda basorejeho

**14.** Muhoza Eric 29h06'31"
**21.** Niyonkuru Samuel 29h24'30"
**32.** Masengesho 29h49'34"
**40.** Nsengimana Jean Bosco 30h03'44"
**49.** Hakizimana Felicien 30h41'29"
**53.** Nsengiyumva Shemu 31h12'21"
**55.** Bigirimana Jean Nepo 31h45'51"






# ANOCA Zone 5 : Perezida wa RNOSC, Umulinga yitabiriye inama y'Inteko Rusange

Taliki 25 Gashyantare 2023 muri Addis Ababa muri Ethiopia habereye inama y'Inteko Rusange ya za Komite Olempike mu bihugu bigize Akarere ka 5 "ANOCA Zone 5". Perezida w'agateganyo wa Komite Olempike y'u Rwanda "RNOSC", Umulinga Alice ari kumwe n'umunyamuryango wa IOC, Rwemarika Felicite n'umwe mu bagize Inama y'Ubuyobozi ya ANOCA Zone 5, Sharangabo Alexis OLY bitabiriye iyi nama.

Iyi nama yari yahurije hamwe abanyamuryango 11 yari ifite insanganyamatsiko igira iti: "Mureke tuzamure aka Karere kacu kajye ku rundi rwego".

**Imyanzuro y'ingenzi yafatiwe muri iyi nama**

**1.** Inteko yagaragaje ko Sudani y'Epfo yemerewe kuba umunyamuryango wa ANOCA nyuma ikaza kuba umunyamuryango wa ANOCA Zone 5 mu Nteko rusange ya 2017 i Cairo Misiri.

**2.** Inteko yavuze ko ishima uruhare rwa Sudani y' Epfo mu bikorwa byose bya ANOCA Zone 5  harimo Inteko rusange yabereyemo amatora ndetse ko hari n'abanyamuryango babiri bari mu nama y'ubuyobozi.

**3.** Inteko yemera kandi ishima inkunga n'ubufatanye bwa ANOCA mu bikorwa bya Zone 5.

**4.** Inteko yashimiye ubuyobozi bwa ANOCA Zone 5 buyobowe na Perezida Dr. Ashebir Woldegiorgis Gayo ndetse n'umunyamabanga mukuru, Francis Mutuki watanze raporo nziza.

**5.** Inteko yiyemeje ko Ethiopia izakira imikino y'Afurika y'urubyiruko "Africa Youth Games 2023".

**6.** Inteko yashimiye Komite Olempike ya Ethiopia kwakira neza iyi nama ndetse n'abayitabiriye.

**7.** Komite Olempike ya Ethiopia yashimiwe kuba yaremeye kwakira no gutegura imikino y'Afurika y'urubyiruko "Africa Youth Games 2023".

**8.** Inteko rusange yagaragarijwe imikoresherezwe y'umutungo mu gihe cy'inzibacyuho hanemezwa uburyo ibibazo byagaragaye byakemuka abantu bafatanyije.

**9.** Inteko yemeje ko Ubunyamabanga bwimukira muri Ethiopia.

10. Inteko Rusange ya ANOCA Zone 5 yiyemeje gushishikariza za Komite Olempike z'ibihugu bigize aka Karere gufatanya mu gutegura abakinnyi bazitabira imikino Olempike izabera i Paris muri 2024.

**11.** Inteko yemeje imirimo yakozwe na Komite ishinzwe ingamba n'Itegeko Nshinga ibasaba gukusanya no gusuzuma ibyifuzo by'abanyamuryango bitarenze ibyumweru bibiri bagategura umushinga ukagezwa ku nama y'ubuyobozi.

**12.** Inteko yashimiye Abakuru b'ibihugu byafashije abanyamuryango kwitegura no kwitabira Inteko rusange.

**13.** Inteko yishimiye inkunga n'ubufatanye bw'abanyamuryango muri za Komite Olempike.


**14.** Inteko yemeje  ko ANOCA Zone 5 igomba gukusanya inkunga yayo kugira ngo ijye itera inkunga ibikorwa byayo binyuze mu bakuru b'ibihugu , ba rwiyemezamirimo ndetse n'ama sosiyete y'ubucuruzi.

**15.** Inteko yiyemeje gushyiraho za Komisiyo hagamijwe gufasha ibikorwa bya ANOCA Zone 5 . Komisiyo zigomba gushyirwamo za Komite Olempike zose kandi hakubahirizwa ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye.

**16.** Inteko yashimiye byimazeyo serivisi yatanzwe na Perezida wa Komite Olempike ya Tanzaniya, Gulam n'ubwitange yagize mu bikorwa bya ANOCA Zone 5 mu gihe kinini gishize.

**17.** Inteko yasanze mu bihe biri imbere byari bikwiye guha agaciro no guhemba abanyamuryango batanze serivisi zihariye muri ANOCA Zone 5.

ANOCA Zone 5 igizwe n'ibihugu 11 ari byo Kenya, Egypt, Uganda, Somalia, Tanzania, Rwanda, Eritrea, South Sudan, Sudan, Ethiopia n'u Burundi.







## **Cycling:** Perezida Kagame yakiriye Sylvan Adams nyiri ikipe ya Israel PT

Taliki 23 Gashyantare 2023, Perezida w'u Rwanda,Nyakubahwa Paul Kagame yakiriye Sylvan Adams umwe muri ba nyiri kipe y'umukino w'amagare, Israel Premier Tech "IPT" yari yitabiriye Tour du Rwanda 2023 yabaye kuva taliki 19 kugeza 26 Gashyantare 2023.

Uyu muyobozi w'iyi kipe ya IPT, Sylvan Adams akaba yari ari kumwe na Minisitiri wa Siporo mu Rwanda "MINISPORTS", Munyangaju Aurore Mimosa ndetse n'Umuyobozi w'Ishyirahamwe ry'umukino w'amagare mu Rwanda "FERWACY", Murenzi Abdallah.

Nyakubahwa Perezida Kagame na Sylvan Adams baganiriye ku bikorwa bitandukanye bigamije guteza imbere umukino w'amagare mu Rwanda byatangijwe n'ikipe ya Israel Premier Tech.

Iyi kipe kuri ubu ikaba yaratangije umushinga mu Rwanda "Race for Change" ugamije gufasha mu guteza imbere umukino w'amagare aho bubatse ikibuga cy'umukino w'amagare "The Field of Dreams" mu kigo Gasore Serge Foundation giherereye i Ntarama mu Karere ka Bugesera. Taliki 17 Gashyantare 2023 ni bwo hafunguwe igice cya mbere cy'uyu mushinga.






## **Handball:** Uko imikino y'umunsi wa mbere wa shampiyona yagenze

Taliki 25 na 26 habaye imikino y'umunsi wa mbere wa shampiyona y'icyiciro cya mbere mu bagabo n'abagore.

**Uko imikino yagenze**

**Mu bagabo**

- ADEGI **33-37** Vision JN
- Vision JN **41-40** UR Huye
- UR Huye **40-41** ADEGI
- ES Kigoma **42-37** Hanika
- Hanika **21-54** Police HC
- Police HC **57-27** ES Kigoma

**Mu bagore**

- Kiziguro SS **43-05** UR Huye
- ISF Nyamasheke **32-29** UK
- GS Kitabi **22-12** TTC de la Salle







## **Football:** Uko imikino y'umunsi wa 21 yagenze

Kuva taliki 24 kugeza taliki 26 Gashyantare 2023 habaye imikino y'umunsi wa 21 wa shampiyona y'icyiciro cya mbere mu mupira w'amaguru mu bagabo.

Ikipe ya APR FC yatsinze Musanze FC ibitego 3-0 ikomeza kuyobora urutonde by'agateganyo.

Imikino y'umunsi wa 22 izaba taliki 03, 04 na 05 Werurwe 2023.

**Uko imikino yagenze**

**Taliki 24-02-2023**
- Etincelles FC **2-2** AS Kigali

**Taliki 25-02-2023**
- Gorilla FC **1-0** Rwamagana City
- Kiyovu **1-0** Bugesera FC
- Rutsiro FC **0-2** Rayon Sports

**Taliki 26-02-2023**
- Marines FC **4- 0** Espoir FC
- Mukura **2-1** Gasogi United
- Musanze FC **0-3** APR FC
- Police FC **2-1** Sunrise FC

### Urutonde rwa shampiyona 2022-2023

| Umwanya | Ikipe | Imikino | Amanota |
|---|---|---|---|
| 1 | APR FC | 21 | **43** |
| 2 | Rayon Sports | 21 | **42** |
| 3 | Kiyovu | 21 | **41** |
| 4 | AS Kigali | 21 | **38** |
| 5 | Gasogi United | 21 | **36** |
| 6 | Police FC | 21 | **36** |
| 7 | Etincelles FC | 21 | **34** |
| 8 | Mukura | 21 | **28** |
| 9 | Gorilla FC | 21 | **28** |
| 10 | Bugesera FC | 21 | **25** |
| 11 | Sunrise FC | 21 | **24** |
| 12 | Musanze FC | 21 | **24** |
| 13 | Rwamagana City | 21 | **19** |
| 14 | Rutsiro FC | 21 | **18** |
| 15 | Marines FC | 21 | **16** |
| 16 | Espoir FC | 21 | **11** |



## **Rugby:** Burera Tigers na UR Grizzlies zatangiye neza shampiyona y'icyiciro cya kabiri

Taliki 25 Gashyantare 2023 ni bwo hatangiye imikino ya shampiyona y'icyiciro cya kabiri mu mukino wa Rugby mu bahungu.

Iyi mikino yitabiriwe n'amakipe ane ari yo Burera Tigers, Rubavu Eagles, Rwamagana Hippos na UR Grizzlies (Ikipe ya Kaminuza y'u Rwanda ishami rya Huye "UR Huye") .

Mu mikino yabaye, ikipe ya UR Grizzlies yitwaye neza itsinda Rwamagana Hippos amanota 21 kuri 11. Umukino wabereye i Rwamagana.

Ikipe ya Burera Tigers nayo yitwaye neza itsinda Rubavu Eagles amanota 16 ku 8. Uyu mukino wabereye mu Karere ka Burera.

Nyuma y'iyi mikino ibanza biteganyijwe ko imikino yo kwishyura izakinwa taliki 18 Werurwe 2023, mu gihe amakipe azaba yakomeje azahurira ku mukino wa nyuma taliki ya 01 Mata 2023.

**Uko imikino yagenze**

- Rwamagana Hippos **11-21** UR Grizzlies
- Burera Tigers **16-08** Rubavu Eagles





Kuva taliki 24 kugeza 26 Gashyantare 2023 habaye imikino ya shampiyona mu mukino wa Basketball y'icyiciro cya mbere n'icya kabiri mu bagabo .

**Uko imikino yagenze**

## RWANDA BASKETBALL LEAGUE 2023 - MEN'S D1, DAY 19 RESULTS

### FIRST LEG

**FRIDAY 24/02/2023**

| | | |
|---|---|---|
| APR BBC | 106-59 | RP IPRC KIGALI |
| REG BBC | 83-69 | PATRIOTS BBC |
| K TITANS | 80-67 | SHOOT 4 STARS |

**SATURDAY 25/02/2023**

| | | |
|---|---|---|
| ESPOIR BBC | 103-78 | SHOOT 4 STARS |
| TIGERS BBC | 75-72 | APR BBC |

**SUNDAY 26/02/2023**

| | | |
|---|---|---|
| RP IPRC KIGALI | 45-81 | UGB |
| SHOOT 4 STARS | 60-72 | ORION BBC |
| ESPOIR BBC | 110-76 | RP IPRC HUYE |



## RWANDA BASKETBALL LEAGUE 2022-2023 MEN D1 | ROUND 1 RANKING 26/2/2023

| RANK | TEAM | PG | W | L | F | PTS | FOR | AGAINST | GD |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | REG BBC | 11 | 10 | 1 | 0 | 21 | 1010 | 653 | 357 |
| 2 | PATRIOTS BBC | 11 | 9 | 2 | 0 | 20 | 920 | 663 | 257 |
| 3 | APR BBC | 11 | 9 | 2 | 0 | 20 | 992 | 596 | 396 |
| 4 | ESPOIR BBC | 11 | 8 | 3 | 0 | 19 | 879 | 751 | 128 |
| 5 | K TITANS BBC | 11 | 8 | 3 | 0 | 19 | 868 | 726 | 142 |
| 6 | UGB | 11 | 6 | 5 | 0 | 17 | 700 | 743 | -43 |
| 7 | ORION | 11 | 5 | 6 | 0 | 16 | 796 | 793 | 3 |
| 8 | SHOOT 4 STARS BBC | 11 | 4 | 7 | 0 | 15 | 739 | 902 | -163 |
| 9 | TIGERS BBC | 11 | 4 | 7 | 0 | 15 | 736 | 742 | -6 |
| 10 | RP-IPRC HUYE BBC | 11 | 2 | 9 | 0 | 13 | 677 | 929 | -252 |
| 11 | RP - IPRC KIGALI BBC | 10 | 0 | 10 | 0 | 10 | 533 | 862 | -309 |
| 12 | RP-IPRC MUSANZE BBC | 10 | 0 | 10 | 0 | 10 | 490 | 1000 | -510 |

PG: PLAYED GAMES W: WIN L : LOSS PTS: POINTS GD: GOAL DIFFERENCE

## RWANDA BASKETBALL LEAGUE 2023 - MEN'S D2 DAY 9 RESULTS

### FIRST LEG

**FRIDAY 24/02/2023**

| | | |
|---|---|---|
| THE HOOPS | 70-60 | UR KIGALI |

**SATURDAY25/02/2023**

| | | |
|---|---|---|
| INTARE | 49-42 | KICUKIRO BUCKETS |
| KEPLER BBC | 87-42 | BLACK THUNDERS BBC |
| FLAME | 73-52 | AZOMCO |
| UR KIGALI | 68-31 | UK BBC |
| UR HUYE | 83-48 | SPARTANS |
| KARONGI BBC | 84-66 | ELITE |
| REBERO BB ACADEMY | 47-71 | INSPIRED GENERATION BBC |

**SUNDAY 26/02/2023**

| | | |
|---|---|---|
| WIBENA | 51-71 | KEPLER BBC |
| UK BBC | 47-93 | ELITE |
| INSPIRED GENERATION BBC | 89-68 | FLAME |
| SPARTANS | 62-83 | AZOMCO |

### RWANDA BASKETBALL LEAGUE 2022-2023 MEN D2 | ROUND 1 RANKING 26/2/2023 - GROUP A

| RANK | TEAM | PG | W | L | F | PTS | FOR | AGAINST | GD |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | RUSIZI BBC | 7 | 7 | 0 | 0 | 14 | 545 | 411 | 134 |
| 2 | KARONGI BBC | 7 | 4 | 3 | 0 | 11 | 410 | 383 | 27 |
| 3 | THE HOOPS | 6 | 4 | 2 | 0 | 10 | 433 | 371 | 62 |
| 4 | ITS KIGALI BBC | 6 | 4 | 2 | 0 | 10 | 425 | 358 | 67 |
| 5 | INTARE BBC | 6 | 4 | 2 | 0 | 10 | 379 | 336 | 43 |
| 6 | KICUKIRO BUCKETS | 6 | 3 | 3 | 0 | 9 | 333 | 311 | 22 |
| 7 | ELITE BBC | 7 | 1 | 6 | 0 | 8 | 429 | 448 | -19 |
| 8 | UR KIGALI BBC | 6 | 2 | 4 | 0 | 8 | 354 | 377 | -23 |
| 9 | UK BBC | 7 | 0 | 7 | 0 | 7 | 302 | 615 | -313 |

PG: PLAYED GAMES W: WIN L : LOSS PTS: POINTS GD: GOAL DIFFERENCE



### RWANDA BASKETBALL LEAGUE 2022-2023 MEN D2 | ROUND 1 RANKING 26/2/2023 - GROUP B

| RANK | TEAM | PG | W | L | F | PTS | FOR | AGAINST | GD |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | INSPIRED GENERATION | 7 | 6 | 1 | 0 | 13 | 566 | 343 | 223 |
| 2 | KEPLER BBC | 6 | 6 | 0 | 0 | 12 | 477 | 309 | 168 |
| 3 | AZOMCO BBC | 8 | 4 | 4 | 0 | 12 | 454 | 522 | -68 |
| 4 | FLAME BBC | 6 | 5 | 1 | 0 | 11 | 439 | 349 | 90 |
| 5 | UR HUYE BBC | 7 | 3 | 4 | 0 | 10 | 474 | 472 | 2 |
| 6 | REBERO BB ACADEMY | 7 | 2 | 5 | 0 | 9 | 319 | 411 | -92 |
| 7 | WIBENA BBC | 6 | 2 | 4 | 0 | 8 | 393 | 417 | -24 |
| 8 | BLACK THUNDERS BBC | 6 | 2 | 4 | 0 | 8 | 308 | 404 | -96 |
| 9 | SPARTANS BBC | 7 | 0 | 7 | 0 | 7 | 297 | 500 | -203 |

PG: PLAYED GAMES W: WIN L : LOSS PTS: POINTS GD: GOAL DIFFERENCE

# **Beach Volleyball:** Uko irushanwa “Bugesera Circuit 2023” ryagenze

Taliki 25 na 26 Gashyantare 2023, Ishyirahamwe ry’umukino wa Volleyball mu Rwanda “FRVB” ryateguye irushanwa ry’umukino wa Volleyball ikinirwa ku mucanga “Beach Volleyball” ribera mu Karere ka Bugesera “FRVB Beach Volleyball Bugesera Circuit 2023”.

Iri rushanwa rya mbere muri uyu mwaka wa 2023 ryabereye muri Tuzza Inn Hotel ryari ryitabiriwe n’amakipe 12 mu bagabo na 12 mu bagore yose hamwe akaba 24 aho abakinnyi bari 48.

Mu bagabo nyuma y’imikino y’amajonjora, hakinwe imikino ya ¼ na ½  hanyuma amakipe yitwaye neza ahurira ku mukino wa nyuma.

Ikipe yari igizwe na Ntagengwa Olivier na Gatsinzi Venuste ni yo yegukanye umwanya wa mbere aho yatsinze ku mukino wa nyuma ikipe ya Muvunyi Fred na Mugisha Emmanuel amaseti 2-0 (21-13 na 21-19).

Mu guhatanira umwanya wa gatatu, ikipe ya Mbonigaba Vincent na Habanzitwali Fils yatsinze ikipe ya Mandera Nzirimo na Niyikiza Levis amaseti 2-1 (13-21, 21-14 na 15-12).

Mu bagore, ikipe ya Munezero Valentine na Musabyimana Penelope yegukanye umwanya mbere itsinze ku mukino wa nyuma ikipe ya Hakizimana Judith na Amito Sharon amaseti 2-1 ( 16-21, 21-16 na 15-10).

Mu guhatanira umwanya wa gatatu, ikipe ya Nzamukosha Oliver na Uwimbabazi Léa yatsinze ikipe ya Mukantambara Seraphine na Bayija Yvonne amaseti 2-1 (21-18, 20-22 na 15-11).

Amakipe 3 ya mbere muri buri cyiciro yahawe ibihembo. Ikipe ya mbere yahawe ibihumbi 150 by’amafaranga y’u Rwanda, iya kabiri ihabwa ibihumbi 100 naho iya 3 ihabwa ibihumbi 80.

Nyuma y’iri rushanwa hateganyijwe andi marushanwaabiri  aho rimwe rizabera i Rubavu irindi ribere i Karongi.












RWANDA

commonwealth games RWANDA

Website: www.olympicrwanda.org
www.olympicrwanda.org/commonwealth
Email: cnosr@olympicrwanda.org | @RwandaOlympic

Address: Remera–Hallmark Center Building KG 17 Ave